

ROKORA INTUMWA YAWE NUBWO
BYABA GUSA GUSOBANURA UBU
BUTUMWA MU IJWI, IMANA
IZADUHURIZE HAMWE MU IJURU RYO
HEJURU.

KUBERA UBUJIJI N'AMAHUGU.

KUBERA GUTANYA ABANTU NO
KUBACAMO IBICE.

KUBERA IBANGIKANYAMANA
N'UBUYOBE.

UKO NIKO BYARI BIMEZE.

MAZE IMANA ITEGEKA KO IGITONDO
GITANGAZA BUNDI BUSHYA. HAKAZA
UMUCYO YAKUJEHO UWO MWIJIMA.

ARIWO MUHAMADI INTUMWA
Y'IMANA:

NYAGASANI YAMUTATSE AGIRA ATI
“MU BY'UKURI WOVE UFITE IMICO
MYIZA IHAMBAYE”

IMANA YAMUHURIJEHO KUBA YUZUYE
KANDI AFITE IMICO MYIZA, IBYO
AKABA NTA WUNDI MU BIREMWA
URANGWA NABYO.

IMVUGO ZIMWE NA ZIMWE ZIVUGA KO:
YARI AFITE UBWENGE BURUTA UBWA
BANTU BOSE.

AKABARUSHA KUGIRA UBUNTU.

AKANAGIRA KWIHANGANA
KUBARUSHA.

AKAGIRA ISONI KUBARUSHA.

YARI INTWARI KUBARUSHA.

YABARUSHAGA KUTITA KU IBYI'SI
KANDI AKICISHA BUGUFI KUBARUSHA.

YAFASHAGA ABI WE, AKIDODERA
UMWENDA WE, AKIKORERA UTURIMO
TWE TUMUREBA.

YASURAGA ABAYISLAMU N'ABATARI
BO.

AGASURA ABARWAYI BABO,
AKANABAHAMAGARIRA IBYIZA,
YAVUGISHA UKURI.

YAGIRAGA IGIHAGARARO, AKAGIRA
UBUTABERA AKANAGIRIRA IMPUHWE
ABANYANTEGE NKE.

YASHYIRAGA MU GACIRO KU BAGORE
NO KUBANA.

IMPUHWE ZE ZAGERAGA NO KU
INYAMASWA.

YAVUZWE NEZA N'ABASHYIRA MU
GACIRO BATARI ABAYISILAMU.

UMWE MURI BO YARAVUZE ATI
“TWEBWE ABANYABURAYI, MU
BITEKEREZO BYACU BYOSE, NTABWO
TURAGERA KUBYO MUHAMADI
YAGEZEHO”

UNDI YARAVUZE ATI “ISI IKENEYE
UMUNTU UFITE IBITEKEREZO NK'IBYA
MUHAMADI”

NDETSE MURI BO HARI UWAVUZE ATI
“MU BY’UKURI AMATEGEKO YA
MUHAMADI AZAKWIRA KU ISI HOSE,
KUKO ANYURA UBWENGE NDETSE
N’UBUGENGE”

MU KUOKORA INTUMWA MUHAMADI,
RERO TUGOMBA KUMENYA AGACIRO
KE N’URWEGO RWE.

HUNYUMA TUGAKWIZA MU BANTU
IBYIZA BYE N’IMICO YE MYIZA, KANDI
TUKAMUFATAHO URUGERO DUSHYIRA
MU BIKORWA IBYO YATEGETSE.

TUGOMBA KANDI KUGENDERA KU
AMATEGEKO YE TUKAYARINDA
IBIYAVANGIRA.

N’IYO INTUMWA MUHAMADI ATAZA
KUBA AFITE IBYIZA, USIBYE GUSA
KUBA UMUHUZA W’ABANTU N’IMANA
NO KUBAMENYESHA IMANA, ICYO
CYABA ARI ICYIZA ISI YOSE

YAMUSHIMIRA. ABANTU BAKABA
BAKIMUHEMBERA, YABAYEHO
UBUZIMA BWE YIGISHA ABANTU BE
IBYIZA, NTIYAREKEYE AHO, AHUBWO
YASABYE NYAGASANI WE KO
YAZANABAKORERA UBUVUGIZI KU
MUNSI W'IMPERUKA.

IMANA YAVUZE UKURI YO YAVUZE ITI
“TWAKOHEREJE URI IMPUHWE KU
BANTU BOSE”